

- **Nyakubahwa Madame Presidente w’Inteko, Umutwe w’Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Ministre,**
- **Ba Nyakubahwa abagize Inteko Ishinga Amategeko,**
- **ONE UN family n’abandi bafatanyabikorwa,**
- **Bakobwa bacu mukaba na ba deputes b’uyu muni,**

Mwaramutse neza,

Turi hano uyu muni, kugirango twige, tugire ubumenyi, twigire ku bandi kandi tuze kugira uruhare, **“Informed. Inspired. Involved”**. Tukaba turi kumwe n’abayobozi b’ejo hazaza. Abo twita Inkubito z’Icyeyeza kuko bahize abandi mu mashuri mu bizamini bisoza umwaka, mu mashuri abanza n’ayisumbuye, bakaba barabihereye igihembo. Turabashima kandi ko kugeza ubu bakomeza kuba icyitegererezo ku bandi bakobwa. Muri **“Ishema ry’Abakobwa”**.

Iyi gahunda y’uyu muni, Fondation Imbuto iyisanganywe mu bikorwa bigamije kubaka ubushobozi bw’urubyiruko, kuko ari wo musingi wo kubaka u Rwanda rw’ejo.

Uyu muni tukaba twawugeneye, Abakobwa bacu, **“Inkubito z’Icyeyeza”** kuko nyuma yuko bahembwe dukomeza kubafasha kuzamura imyumvire, tubaha ubumenyi budatangwa muri gahunda z’amashuri zisanzwe (extra curricular activities), ariko kandi bikaba ari n’uruhurirane ko uyu mwaka

twizihiza imyaka icumi tumaze duteza imbere uburere n’uburezi bw’umwana w’umukobwa.

Tukaba tuzizihiza uwo munsu nyiri zina mu kwezi gutaha, aho tuzahura n’abakobwa bese twahembye basaga ibihumbi bine. Twizeye rero ko mwese tuzaba turi kumwe uwo munsu.

Twiyemeje rero, kubaka ubushozi bw’urubyiruko, kuko twumva ko ari byo bikwiye mu myaka yabo, kugirango kandi igihe bazaba bamaze kuba bakuru bazabe bafite ubumenyi bukwiye kandi bukenewe mu buzima bwa buri munsu.

Tugarutse ku nsanganyamatsiko y’uyu munsu, **“Informed. Inspired. Involved.”** Tugenekereje mu rurimi rwacu twavugaga ngo “ Gira ubumenyi. Igira ku bandi, Ugire uruhare”. Twatekereje kuzana aba bakobwa bacu kuza kwiga, no kumenya uburyo Inteko ishingira amategeko ikora, kuko dusanga ko bukenewe ko babimenya hakiri kare, bagire ayo makuru, kandi babyige mu buryo babyitoza, muri practicals nkuko mwatwemereye kubatoza kandi tukaba tubibashimira.

Iyi gahunda, tubona ko izabafasha, no kumenya uburyo bwo gutanga ibitekerezo, kugira ibitekerezo bitandukanye kandi bicukumbuye (critical thinking), nkuko twabibwiye, bari buze no gukora umwitozo wo gukora itegeko, ibi bikaba bisaba ko umuntu aba yasomye ariko azi no gutambutsa igitekerezo cyo.

Urubyiruko rwacu rero, dushaka ko ruba umusemburo w’impinduka, rugomba kuba rufite ubumenyi buhagije, nkuko mu Kinyarwanda tuvugaga ngo **“Akeza karigura”**, nimuba mufite ubwo buhanga muzabasha no

guhanga ku isoko ry'umurimo mu rwego mpuzamahanga. Ntabwo kandi muri bato bo kutiga imikorere y'inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

Iyi ni ntangiriro, kuko ni ubwa mbere tugerageje ihuriro nk'iri, ariko turateganya ko yaba gahunda izakomeza ikagera no ku rundi rubyiruko.

Bakobwa Bacu, binyujijwe mu mahuriro atandukanye tujya tubakorera, haba izo twita ; *Let us Dream and Act Workshop*”, dukora buri mwaka, cyangwa haba muri club mugira mwita “Inkubito z'Icyeza Forum for Excellence”, turizera ko muhigira byinshi, guhanga udushya, kwimenya, kwiga imico myiza, ndetse no kumeya gufashanya hagati yanyu n'abakiri bato haba ku mashuri mwigamo cyangwa naho mutuye.

Mbere y'uko nkomeza mbaze Inkubito z'Icyeza :

- Ni bande bari basanzwe bazi hano ku nteko Ishinga Amategeko?
- Ninde watubwira umubare w'abagore bari mu nteko Ishinga amategeko?
- Ninde watubwira urugero rw'itegeko rirengera uburenganzira bw'Abagore ryatowe n'Inteko Ishinga Amategeko yacu?
- Ninde watubwira ibyiciro byihariye bihagariwe mu Nteko Ishinga Amategeko yacu? (Resp: abagore, urubyiruko, abamugaye)

Turizera ko ibi bibazo, biza kubafasha, kugira amatsiko no kongera ubumenyi mufite uyu muni.

Iri huriro ry'uyu muni rifite, umwihariko waryo kuko Abakobwa bacu bose uyu muni babaye ba Nyakubahwa ba depite !!! . Mugiyeye rero kwigaana cyangwa kwishyira mu mwanya w'abagize Inteko Ishinga Amategeko uyu muni, mwumve ko mufite inshingano zo guhagararira abaturage,

kubakemurira ibibazo, gukora amategeko n'ibindi baza kubabwira. Ntabwo ari umurimo woroshye ariko tubafitemo icyizere ko muza kubishobora kandi mukabikora neza.

Ibyo tubifuzamo ba Nyakubahwa ba depite b'uyu muni:

- Tubatezemo kuza gutanga ibitekerezo byiza, bifite ishingiro;
- Gukorana hagati yanyu, mukore ubushakashatsi kandi mutekereze byimbitse;
- Kumenya neza ibyo abaturage muhagarariye uyu muni, bakeneye;
- Muhagarare mwemye, mwumve ku muhagarariye abanyarwanda bose;

Nk'abayobozi b'ejo hazaza, ni ngombwa ko mumenya n'amateka y'igihugu cyacu. Muraza gusura ingoro ndangamurage yo kurwanya genocide yakorewe abatutsi mu Rwanda muri 1994. Ikaba igaragaza uburyo urubwirako rw'u Rwanda rwabohoye igihugu mu myaka 21 ishize, ndetse naho ihurira n'iyi nzu turimo uyu muni.

Mbere y'uko nsoza nagirango mbasabe, mumfashe dushimire Inteko Inshingamategeko kuba baduhaye uyu mwanya, bakatwigisha ibyo bakora ariko cyane cyane kuba bemeye kudutiza izina ryabo ku bakobwa bacu. Turashimira kandi Umuryango wa One UN idutera inkunga muri izi gahunda. Ndetse n'ubuyobozi bw'ibigo by'amashuri bemeye kuduha abana ngo baze bunguke ubundi bumenyi.

Bakobwa bacu, Inkubito z'Icyeye ndagirango mbasabe mukomeze mube indashyikirwa mubyo mukora byose, mukomeze musangize abandi ubumenyi mwungutse. Mwubakane, mugirane inama. Nk'umubyeyi nzi

neza ko ikigero murimo muba mufite imbaraga zo gukora, nagirango mbasabe izo mbaraga muzibyzemo umusaruro mwiza. Mujye kandi mwimenyereza gusoma kuko ariho mukura ubumenyi, mumenye kwifata neza, mukore sport. Mwihe inshingano zo gufasha ku bigo mwigaho ndetse naho mutuye. Nubwo muza kugira umwanya wo kubyiga, ndangirango mbabwire ngo Ba Nyakubahwa Badepite Nkubito z'Icyeza, Inteko ijyanwa mu baturage igakorera mu baturage. Inteko kandi ijyanwa mu ruhando rw'amahanga. Iyi nteko muremye none muyijyane no kuri social media muhagire icyicaro muvuge kandi mumenyekanishe u Rwanda. Mukomeze mube ***'Informed, Inspired, Involved'***.

Mbifuriye kugira umunsi mwiza , Murakoze